ITEGEKO Nº 014/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RIHINDURA ITEGEKO Nº 027/2022 RYO KU WA 20/10/2022 RISHYIRAHO IMISORO KU MUSARURO	**LAW Nº 014/2025 OF 27/05/2025 AMENDING LAW Nº 027/2022 OF 20/10/2022 ESTABLISHING TAXES ON INCOME**	**LOI Nº 014/2025 DU 27/05/2025 MODIFIANT LA LOI Nº 027/2022 DU 20/10/2022 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Mata 2025;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 29 April 2025;	La Chambre des Députés, en sa séance du 29 avril 2025 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 93 n'iya 165;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 93 and 165;	Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 93 et 165 ;
Isubiye ku Itegeko nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro mu ngingo zaryo, iya 36, iya 37, iya 45, iya 50 n'iya 61;	Having reviewed Law nº 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income as amended, in Articles 36, 37, 45, 50 and 61;	Revu la Loi nº 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu telle que modifiée, en ses articles 36, 37, 45, 50 et 61 ;
YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE :**

Ingingo ya mbere: Igipimo cy'umusoro ku gaciro kiyongereye Ingingo ya 36 y'Itegeko nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira: « Igipimo cy'umusoro ku gaciro kiyongereye ni 10% by'agaciro kiyongereye. »	**Article One: Capital gain tax rate** Article 36 of Law nº 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows: "The capital gain tax rate is 10% of the capital gain."	**Article premier : Taux d'impôt sur la plus-value** L'article 36 de la Loi nº 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit : « Le taux d'impôt sur la plus-value est de 10% de la plus-value ».
Ingingo ya 2: Ifatira n'imenyekanisha ry'umusoro ku gaciro kiyongereye Ingingo ya 37 y'Itegeko nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira: «**Ingingo ya 37: Ifatira n'imenyekanisha by'umusoro ku gaciro kiyongereye** (1) Umusoro ku gaciro kiyongereye ukomoka ku igurishwa cyangwa ku itangwa ry'imigabane, iry'impushya, iry'inyandiko z'umwenda, iry'amasezerano yo kugura cyangwa kugurisha umutungo, iry'ingwate, n'iry'imitungo isa na byo, mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ufatirwa n'isosiyete y'ubucuruzi ikorera imbere mu Gihugu yahinduye imiterere mu migabane cyangwa abanyamigabane bayo barahindutse	**Article 2: Withholding and declaration of capital gain tax** Article 37 of Law nº 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows: " **Article 37: Withholding and declaration of capital gain tax** (1) The capital gain tax on the direct or indirect sale or transfer of shares, licenses, debt instruments, options, guarantees and similar assets is withheld by the resident company whose shareholding structure has been altered or whose shareholders have changed due to the sale or transfer or by the seller or buyer, in the case of the sale or transfer of licenses, debt instruments, options, guarantees or similar assets.	**Article 2 : Retenue à la source et déclaration de l'impôt sur la plus-value** L'article 37 de la Loi nº 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit : **« Article 37 : Retenue à la source et déclaration de l'impôt sur la plus-value** (1) L'impôt sur la plus-value provenant de la vente ou de la cession directe ou indirecte d'actions, de licences, de titres de créance, d'options, de garanties et d'actifs similaires, est retenu par la société commerciale résidente dont la structure d'actionnariat a été modifiée ou dont les actionnaires ont été changés en raison de ladite vente ou cession ou par le vendeur ou l'acheteur en cas de vente ou de transfert de licences, de titres de

bitewe no kugurisha cyangwa gutanga, cyangwa bikozwe n'ugurisha cyangwa n'ugura mu gihe habaye igurishwa cyangwa itangwa ry'impushya, iry'inyandiko z'umwenda, iry'amasezerano yo kugura cyangwa kugurisha umutungo, iry'ingwate cyangwa iry'imitungo isa na byo.		créance, d'options, de garanties ou d'actifs similaires.
(2) Isosiyete y'ubucuruzi, umunyamigabane cyangwa umuguzi bivugwa mu gika cya (1) bimenyekanisha bikanishyura umusoro ku gaciro kiyongereye mu Buyobozi bw'Imisoro mu gihe kitarenze iminsi 15 ikurikira ukwezi igurishwa cyangwa itangwa byabereyemo. »	(2) The company, shareholder or buyer referred to in Paragraph (1) declare and pay the capital gain tax to the Tax Administration within 15 days after the month in which the sale or transfer occurred."	(2) La société commerciale, l'actionnaire ou l'acheteur visés au paragraphe (1) déclarent et paient l'impôt sur la plus-value à l'Administration fiscale dans les 15 jours suivant le mois au cours duquel la vente ou la cession a eu lieu».
Ingingo ya 3: Abasonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete	**Article 3: Persons exempted from corporate income tax**	**Article 3 : Personnes exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés**
Ingingo ya 45 y'Itegeko nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 45 of Law nº 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows:	L'article 45 de la Loi nº 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit :
«	"	«
(1) Abasonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete ni aba bakurikira:	(1) The following persons are exempted from corporate income tax:	(1) Les personnes suivantes sont exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés :

(a) Leta y'u Rwanda;	(a) the Government of Rwanda;	(a) Gouvernement du Rwanda ;
(b) Umujyi wa Kigali;	(b) the City of Kigali;	(b) Ville de Kigali ;
(c) Akarere gafite ubuzimagatozi;	(c) a district with legal personality;	(c) district doté de la personnalité juridique ;
(d) Banki Nkuru y'u Rwanda;	(d) the National Bank of Rwanda;	(d) Banque Nationale du Rwanda ;
(e) umuryango ukora gusa ibikorwa byerekeye imyemerere, ubutabazi, ubugiraneza, ubumenyi cyangwa uburezi, uretse iyo bigaragaye ko amafaranga winjije aruta ayo wakoresheje cyangwa iyo ukora ubucuruzi;	(e) an organisation exclusively engaged in faith-oriented, humanitarian, charitable, scientific or educational activities unless it turns out that revenues earned by such an organisation exceed corresponding expenses or if it carries on a business activity;	(e) organisation engagée uniquement dans des activités à caractère religieux, humanitaire, caritatif, scientifique ou éducatif sauf lorsqu'il est avéré que les recettes réalisées par elle sont supérieures aux dépenses y afférentes ou lorsqu'elle exerce une activité commerciale ;
(f) umuryango mpuzamahanga cyangwa umuryango w'ubufatanye mu bya tekiniki, iyo uko gusonerwa guteganywa n'amasezerano mpuzamahanga cyangwa amasezerano uwo muryango wagiranye na Leta y'u Rwanda;	(f) an international organisation or agency of technical cooperation if such exemption is provided for by international agreements or an agreement concluded between such an organisation or agency and the Government of Rwanda;	(f) organisation internationale ou agence de coopération technique lorsque cette exonération est prévue par des accords internationaux ou par un accord conclu entre cette organisation ou agence et le Gouvernement du Rwanda ;
(g) ikigega cya pansiyo cyemewe;	(g) a qualified pension fund;	(g) fonds de pension qualifié ;
(h) urwego rwa Leta rufite ubwiteganyirize mu nshingano;	(h) the public entity in charge of social security;	(h) entité publique ayant la sécurité sociale dans ses attributions ;

(i) Banki Itsura Amajyambere y'u Rwanda;	(i) the Development Bank of Rwanda;	(i) Banque rwandaise de Développement ;
(j) Ikigega cy'Ubwizerane « Agaciro Development Fund »;	(j) Agaciro Development Fund Corporate Trust Ltd;	(j) Agaciro *Developpement Fund Corporate Trust Ltd* ;
(k) Ikigega kigamije guteza imbere imishinga mito n'icirirtse igamije ubucuruzi «BDF Ltd»;	(k) the Business Development Fund Limited (BDF Ltd);	(k) *Business Development Fund Limited (BDF Ltd*) ;
(l) urwego rukoreshwa ku mpamvu zihariye, uretse iyo bigaragaye ko amafaranga rwinjije aruta ayo rwakoresheje;	(l) a special purpose vehicle unless it turns out that revenues earned by such a vehicle exceed corresponding expenses;	(l) entité à vocation spéciale sauf lorsqu'il est avéré que les recettes réalisées par elle sont supérieures aux dépenses y afférentes ;
(m) fondasiyo y'inyungu zisangiwe;	(m) a common-benefit foundation;	(m) fondation d'utilité commune ;
(n) ucunga iby'abandi w'umwuga utuye mu Rwanda ku musaruro winjijwe n'ubwizerane mvamahanga;	(n) a resident trustee for income earned by a foreign trust;	(n) fiduciaire résidant pour le revenu gagné par une fiducie étrangère ;
(o) isosiyete ikora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe.	(o) a company engaged in gaming activities.	(o) société exerçant les activités de jeux de hasard.
(2) Usonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete ashyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro ibitabo by'ibaruramari bye bitarenze itariki ya 31 Werurwe ikurikira igihe cy'umusoro cyangwa amezi atatu akurikira igihe cy'umusoro cyihariye gihabwa usora	(2) The person exempted from corporate income tax submits to the Tax Administration his or her financial statements no later than 31 March following the tax period, or three months following specific tax period granted to the taxpayer having made a	(2) La personne exonérée de l'impôt sur les bénéfices des sociétés soumet à l'Administration fiscale ses états financiers au plus tard le 31 mars qui suit la période imposable ou trois mois suivant la période imposable spécifiquement accordée au

wabisabye hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 8. »	request to that effect in accordance with the provisions of Article 8. "	contribuable en ayant fait la demande conformément aux dispositions de l'article 8 ».
Ingingo ya 4: Isoresha ry'umusaruro w'amasosiyete akora ibikorwa by'imikino y'amahirwe	**Article 4: Taxation of income for a company engaged in gaming activities**	**Article 4 : Imposition des revenus d'une société exerçant des activités de jeux de hasard**
Ingingo ya 50 y'Itegeko nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 50 of Law nº 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows:	L'article 50 de la Loi nº 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit :
«**Ingingo ya 50: Isoresha ry'umusaruro w'isosiyete y'ubucuruzi ikora ibikorwa by'imikino y'amahirwe**	**"Article 50: Taxation of income for a company engaged in gambling activities**	« **Article 50 : Imposition d'une société exerçant des activités de jeux de hasard**
(1) Isosiyete y'ubucuruzi ikora ibikorwa by'imikino y'amahirwe hakuwemo tombola mu rwego rw'Igihugu yishyura umusoro wa 40% ubarirwa ku kinyuranyo hagati y'amafaranga yakiriwe n'usora n'ibihembo byatsindiwe.	(1) A company engaged in gaming activities, excluding the national lottery, is subject to a tax of 40% calculated based on the difference between the total amount wagered and the winnings awarded.	(1) Une société commerciale exerçant des activités de jeu de hasard, la loterie nationale exclue, est assujettie à une taxe de 40% calculée en fonction de la différence entre le montant total des mises reçues et les gains attribués.
(2) Usora amenyekanisha umusoro ku bikorwa by'imikino y'amahirwe biteganywa mu gika cya (1) hakurikijwe uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro kandi akishyura umusoro mu gihe kitarenze iminsi 15 ikurikira impera za buri kwezi. »	(2) A taxpayer declares the tax on gaming activities which are provided for in Paragraph (1) in accordance with the form and procedure prescribed by the Tax Administration, and pays the tax due within 15 days following the end of each month."	(2) Le contribuable déclare l'impôt sur les activités de jeux de hasard prévues au paragraphe (1) conformément à la forme et à la procédure prescrites par l'Administration fiscale et paie l'impôt dû dans les 15 jours suivant la fin de chaque mois ».

Ingingo ya 5: Isoresha rya serivisi z'ikoranabuhanga	**Article 5: Taxation of digital services**	**Article 5 : Imposition des services numériques**
Itegeko nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ryongewemo ingingo ya 50 *bis* iteye ku buryo bukurikira:	An Article 50 *bis* is inserted in Law nº 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income which is worded as follows:	Dans la Loi nº 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu, il est inséré un article 50 *bis* libellé comme suit :
« Ingingo ya 50 *bis*: Isoresha rya serivisi z'ikoranabuhanga	**"Article 50 *bis*: Taxation of digital services**	**« Article 50 *bis*: Imposition des services numériques**
(1) Isosiyete y'ubucuruzi itanga serivisi z'ikoranabuhanga mu Rwanda bigaragara mu buryo bufatika mu Gihugu yishyura umusoro wa 1,5% by'amafaranga yose yinjiza mu gihe cy'umusoro ava mu Rwanda.	(1) A company supplying digital services in Rwanda with a substantial national presence is subject to a tax of 1.5% of its gross revenues sourced from Rwanda during the tax period.	(1) Une société commerciale fournissant des services numériques au Rwanda avec une présence nationale substantielle est assujettie à un impôt de 1,5% de ses revenus bruts provenant du Rwanda pendant la période imposable.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena serivisi z'ikoranabuhanga zisoreshwa, icyo kugaragara mu buryo bufatika mu Gihugu bivuga, uburyo bwo kwiyandikisha, ubwo kumenyekanisha umusoro, ubwo kuwishyura n'ibindi byashingirwaho mu gusoresha serivisi z'ikoranabuhanga. »	(2) An Order of the Minister determines the scope of taxable digital services, the definition of substantial national presence, the modalities for registration, tax declaration and payment, and other possible criteria for the taxation of digital services."	(2) Un arrêté du Ministre détermine le champ des services numériques imposables, la définition de la présence nationale substantielle, les modalités d'enregistrement, de déclaration et de paiement de l'impôt ainsi que d'autres critères éventuels d'imposition des services numériques ».

Ingingo ya 6: Umusoro ufatirwa ku gihembo cyatsindiwe mu bikorwa by'imikino y'amahirwe	**Article 6: Withholding tax on winnings from gaming activities**	**Article 6 : Retenue à la source sur les gains des activités de jeux de hasard**
Ingingo ya 61 y'Itegeko nº 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 61 of Law nº 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income is amended as follows:	L'article 61 de la Loi nº 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu est modifié comme suit :
«Isosiyete y'ubucuruzi ikora ibikorwa by'imikino y'amahirwe ifatira umusoro wa 25% ku kinyuranyo hagati y'igihembo umukinnyi yatsindiye n'amafaranga yashoye.»	"A company engaged in gaming activities withholds 25% tax on the difference between the player's winnings and the amount wagered by the player."	« Une société commerciale exerçant des activités de jeux de hasard retient à la source l'impôt de 25% sur la différence entre les gains du joueur et le montant misé par ce dernier ».
Ingingo ya 7: Ingingo y'ururimi	**Article 7: Language provision**	**Article 7 : Disposition linguistique**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa	**Article 8: Entry into force**	**Article 8 : Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Icyakora, ibipimo by'umusoro ku masosiyete y'ubucuruzi akora ibikorwa by'imikino y'amahirwe avugwa mu ngingo ya 4 n'iya 6 bitangira gukurikizwa nyuma y'amezi atatu abarwa uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. However, corporate income tax rates for the companies referred to in Articles 4 and 6 which are engaged in gaming activities start to apply after the expiry of a three-month period from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Toutefois, les taux d'impôt sur les revenus des sociétés visées aux articles 4 et 6 qui exercent des activités de jeux de hasard commencent à s'appliquer après l'expiration d'un délai de trois mois à compter du jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 27/05/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux